INKURU NZIZA
YA YESU

Yanditswe
na
Christy Akins Brawner

Evangelistic Series
Pioneer Evangelism Series

Uko wakoresha “Inkuru Nziza ya Yesu”

Kurikiza ibi bikurikira igihe uvuga inkuru cyangwa wigisha inyigisho zirimo:

1. **Ujye wibuka buri gihe kuvugisha umuntu umwubashye, ubanze umusabe niba washobora gutangira kumubwira inkuru yawe, kandi niba wakomeza kujya uza buri cyumweru.**

2. **Uvugane ijwi rituje ry’umuntu uganira. Ntumubwirize ubutumwa.**

3. **Ntujye impaka ku myizerere. Ureke Umwuka Wera abe ari we wikorera umurimo mu mutima w’uwo muntu udakijijwe amushinje ibyaha kandi amwemeze ukuri.**

4. **Ntutangire kumucira urubanza cyangwa ngo umucireho iteka kubw’ibyo yizera. Icyo ukora gusa wowe ni ukwigana n’uwo muntu Bibiliya ubundi ukareka Umwuka Wera agakorera mu Ijambo ry’Imana.**

5. **Ujye utangiza guterana kwanyu isengesho rigufi Usaba Imana ngo ibahe kumva ibyo biga muri izo nkuru za Bibiliya.**

6. **Ukoreshe ubu buryo bukurikira mu kuvuga inkuru: Soma interuro imwe gusa hanyuma usobanure mu magambo yawe ibyo umaze gusoma. Ukoresheje ubu buryo uba uhaye abantu amahirwe yo kumva iyo nkuru incuro ebyiri kandi bakaba banayisobanuriwe mu buryo bworoheje cyane. Iyo ushoboye kugira utundi dutabo wabaha bagasoma nabo kugirango bagire uruhare mubyo murimwo.**

7. **Umuyobozi agomba kubaza ibibazo igihe arangije kubabwira inkuru. Intego y’ibyo bibazo ni ukugirango isomo risubirwemo kandi umuntu arebe niba inkuru yumvikanye. Ntabwo ari ugutangira kujya impaka cyangwa gutanga ibindi bisobanuro birebire.**

8. **Soma inyigisho zivuyemo. Reka abagize itsinda bagire umudendezo wo gutanga ibitekerezo kuri buri nyigisho no kuzijyaho impaka. Uramenye ntukagire NARIMWE ubwo ujya impaka cyangwa ngo uhangane n’uwariwe wese. Kuri uru rwego ntibiba ari ngombwa ko abagize itsinda bemera ukuri kw’Imana kurimo cyangwa ngo bakwemeranyeho. Icy’ingenzi gusa ni uko basobanukirwa uko kuri nk’uko kwerekanwe mu Ijambo ry’Imana.**

9. **Nyuma y’izo nyigisho ziba zikubiyemo, uhe akanya buri wese ko gutanga ibyifuzo bye ngo asengerwe mu itsinda.**

10. **Usengere buri wese mu itsinda na buri cyifuzo ku buryo bw'umwihariko. Uko itsinda rigenda ritera intambwe n'abantu bagenda bakizwa ujye ureka basengerane muri aka kanya ko gusenga.**

11. **Isomo rya karindwi niririrangira ugomba guhamagarira abantu kwakira Yesu nk'Umwami wabo. Ariko nihagira ugaragaza ubushake bwo kwegurira Yesu ubugingo bwe igihe icyo ari cyo cyose muri ibi byumweru birindwi, bizaba ngombwa ko umwigisha uko ashobora kugira Yesu Umwami we hanyuma umuyobore abikore.**

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na
Christy A. Brawner

<u>"Kuvuka kwa Yesu"- Isomo rya 1</u>
Matayo 1-2

"Nuko ba sekuruza bose uhereye kuri Aburahamu ukageza kuri Dawidi ni cumi na bane, kandi uhereye kuri Dawidi ukageza igihe bimuriwe I Babuloni ni cumi na bane, kandi uhereye icyo gihe ukageza kuri Kristo ni cumin na bane." Matayo1:17

Mariya,umukobwa w'umuyudakazi, yatwaye inda atigeze akora imibonano mpuzabitsina kuko yasamye kubw'Umwuka Wera.Fiyanse we, kuko yari umuntu w'inyangamugayo cyane, ntiyashaka kumukoza isoni ku mugaragaro, ahubwo yiyemeza kumureka akabivamo mu ibanga. Nyamara muri iryo joro ubwo yari yamaze gufata icyo cyemezo, Malayika w'Uwiteka aramubonekera mu nzozi, aramubwira ati , "Yosefu, mwene Dawidi, ntutinye ngo ureke gushakana na Mariya ngo akubere umugore kuko iriya nda afite ari iy'Umwuka Wera. Hanyuma azabyara Umwana w'Umuhungu, uzamwite Yesu kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo." Kuko Mariya ari we wari ugiye kuba wa mukobwa umuhanuzi Yesaya yari yaravuze mu Isezerano rya Kera igihe yavugaga ati, "Dore umwari azasama inda abyare Umwana w'umuhungu, kandi bazamwita Imanweli", bisobanura ngo "Imana muri twe."

Yosefu akangutse avuye mu nzozi yumvira ibyo Malayika yamubwiye.Ashakana na Mariya, ariko ntibigera bakora imibonano mpuzabitsina kugeza ubwo amariye kubyara. Nuko rero Yosefu yita umwana Yesu,nk'uko malayika yari yabimubwiye. Yesu rero avukira mu mujyi wa Betelehemu, mu Ntara ya Yudaya mu Gihugu cya Isirayeli, kandi icyo gihe Yudaya yari ifite Umwami witwa Herode.

Hari abantu b'abanyabwenge bari baturutse iburasirazuba baje bakurikiye inyenyeri imurika cyane bagana i Yudaya. Ubushakashatsi bwabo n'ubushishozi bwaberekaga ko iyo nyenyeri imenyesha ko Umwami wari warasezeranywe yavukiye

i Yudaya. Kuko batari bazi neza neza aho uwo Mwana yavukiye, babanje kujya kwa Herode umwami watwaraga i Yudaya, nuko babaza aho umwami mushya w'abayuda yavukiye.

Herode rero iyo nkuru yabo yaramuhungabanyije cyane ahita akoresha inama rwihishwa y'abajyanama be mu by'amadini n'abatambyi. Abaza abo bantu aho Umwami w'Abayuda wahanuwe yagombaga kuvukira ukurikije uko ubuhanuzi bw'Abayuda bwabivugaga. Abatambyi bamubwira ko ukurikije ibyanditswe, Umwana wahanuwe yagombaga kuvukira I Betelehemu.Herode asubira kuri ba banyabwenge ababaza niba ari ryari neza neza batangiriye kubona ya nyenyeri.Ibi yabibabajije ashaka kumenya neza italiki uwo mwana yaba yavukiyeho hanyuma yarangiza akabara akamenya uko angana.

Hanyuma Herode yamenyesheje ba banyabwenge umudugudu Umwana yagombaga kuvukiramo.Ariko aranababwira ati , "Nimugende mushake neza mwitonze uwo Mwana, nimumara kumubona, mugaruke mumbwire kugira ngo nanjye njye kumuramya."

Ba banyabwenge bahise bava aho bongera kugenda bakurikiye ya nyenyeri berekeza i Betelehemu.Iyo nyenyeri bari bakomeje kugenda bakurikiye ibagenda imbere igeze hejuru y'inzu Umwana yari arimo irahagarara. Nuko binjira mu nzu, ako kanya bakibona Umwana na nyina Mariya bubarara hasi baramuramya.Bamutura n'amaturo y'igiciro kinini y'izahabu n'imibavu ihumura neza.

Nuko ba banyabwenge barahava baragenda basubira iwabo iburasirazuba.Ariko mbere y'uko bataha, bari bihanangirijwe mu nzozi ko batagomba gusubira kwa Herode ngo bamubwire uko yagera aho Umwana ari.Nuko rero baca mu yindi nzira bataha.

Bamaze kugenda, Yosefu arota izindi nzozi.Muri izo nzozi, Imana yamuburiraga ko Herode agiye kuza gushakisha Umwana, ko rero bagomba guhunga bakajya muri Egiputa.Nuko rero muri iryo joro akangura umuryango we bahita bahunga.Baba muri Egiputa kugeza igihe Herode yapfuye; ibi nabyo kwari ugusohoza ibyo umuhanuzi Hoseya yari yarahanuye ubwo yavugaga ati, "Nzahamagara Umwana Wanjye ngo ave muri Egiputa."

Herode amaze kubona ko ba banyabwenge bamukoreye amayeri ararakara cyane. Nuko atangaza ko abana bose b'abahungu bari munsi y'imyaka ibiri bagomba kwicwa.Bwari ubwicanyi buteye ubwoba; impinja z'i Betelehemu n'uduce tuhakikije twose zararimbuwe. Ariko umuhanuzi wa kera w'umuyuda witwaga Yeremiya nawe yari yaravuze ko ako kaga kazaba.

Herode amaze gupfa, Malayika w'Imana yabonekeye Yosefu amubwira gusubira muri Isirayeli. Nyamara Yosefu yabigizemo impungenge kuko umuhungu wa Herode ariwe wari wimye ingoma mu cyimbo cya se ngo ategeke Yudaya; nicyo cyatumye yimurira umuryango we mu Ntara ya Galilaya ituranye na Yudaya, bajya mu mudugudu wa Nazareti.Yesu rero mu bwana bwe yakuriye aho i Nazareti.Ibi nabyo kwari ugusohoza ubuhanuzi bwavugaga ngo, "Azitwa umunazareti."

Ibibazo

1. Mariya ni nde?

2. Ni nde Malayika yabonekeye akamubwira izina Umwana azitwa ?
3. Ni iyihe mpamvu yari yazanye abanyabwenge bakava iburasirazuba bakaza i Yudaya ?
4. Kuki Herode yashakishaga Yesu ?
5. Ni gute ba banyabwenge bamenye ko bakwiye kunyura indi nzira basubira iwabo aho guca kwa Herode?
6. Ni gute Herode yagerageje kwica Umwami w'isezerano ku bayuda ?
7. Ni gute Yosefu yamenye ko agomba guhunga igihugu akajya muri Egiputa?
8. Ni gute Yosefu yamenye ko noneho ari amahoro yashobora gusubira iwabo?
9. Kuki Yosefu yajyanye umuryango we mu Ntara ya Galilaya aho gusubira i Yudaya ?
10. Ni uwuhe mudugudu Yesu yakuriyemo ?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 1
Matayo 1-2

1. Imana ni iyo kwizerwa kandi iteka ikomeza amasezerano yayo. Kuva umugabo n'umugore ba mbere baremwa, Imana yari yarasezeranye ko izohereza umucunguzi mu Isi. Uko imyaka yagiye ikurikirana, Imana yakomeje gusubiramo iryo sezerano incuro nyinshi iribwira abantu benshi ndetse kenshi na kenshi ikabasobanurira ku buryo burambuye uko ibyo kuza k'uwo mucunguzibizagenda.Yesu mu kuza kwe rero yaje NEZA NEZA nk'uko byari byarahanuwe mu byanditswe byera.Reka twibuke muri iriya nkuru twabonye ubuhanuzi nibura bumwe bwasohoye mu ivuka rya Yesu.

*Ni muri ubwo buryo Imana itubera iyo kwizerwa natwe.Muri Bibiliya hari amasezerano menshi meza Imana yaduhaye ku byerekeranye n'umugambi idufitiye. Izasohoza ayo masezerano yose n'ubuhanuzi bwose. Ni ngombwa rero ko dusoma Ibyanditswe kugira ngo tumenye amasezerano twasezeraniwe ku bugingo bwacu.

2. Bibiliya ni Ijambo ry'Imana kandi ibirimo byose ni ukuri. Imana yavugiye mu bahanuzi bayo imyaka ibihumbi mbere y'uko biba, ivuga mu buryo bunonosoye ku kuvuka kwa Yesu n'uko azabaho kose.Byose byaje gusohora NEZA NEZA nk'uko byari byarahanuwe.

3. Imana niyo igenga ibyaremwe byose.Ishobora gukora ibitangaza cyangwa ibintu birenze ubwenge.Hari rero ibitangaza byinshi byabaye twumvise muri iyi nkuru yacu. Ni nk'ikihe kimwe nibura muribyo?

4. Imana ishobora kuvugana n'abantu kandi ijya ibikora.Abantu bamwe bemera ko Imana yaremye isi ariko ko ititaye ku biyikorerwamo.Ni mu buhe buryo muri iyi nkuru, Imana yagiye ivugana n'abantu?Imana iracyavugana natwe muri iyi minsi.Muri aya masomo tuziga uburyo twashobora kugirana ubucuti nyabwo n'Imana.

5. Imana imenya ibizaba byose.Ariko rimwe na rimwe mu bwenge bwayo nk'Imana, irareka ibyago n'amakuba bikaba.Herode yashakaga kwica uwo Mwami wasezeranywe kuko yumvaga uwo Yesu amuteye ubwoba. Imana yari izi icyaha cy'ubugome mu mutima wa Herode. Yari izi ko agiye kuzica amagana n'amagana y'abana batagira kirengera.Kubwo kutumvira no kwigomeka byari mu mutima we habayeho amakuba ateye ubwoba.Muri iki gihe, hari ibintu byinshi bibi biteye ubwoba bibaho kubera kutumvira no kwigomeka mu mibereho yacu. Ese muri iki gihe cyacu watanga urugero rw'umuntu waba yaramerewe nabi biturutse ku bugome bw'undi muntu?

6. Umuntu ntashobora guhangana n'Imana ngo ayineshe.Herode ntiyashoboye kwica Umwana w'Isezerano.Icyo yashoboye kugeraho gusa ni ugushyira mu gahinda k'ibyago bikomeye imiryango myinshi. Muri iki gihe kenshi na kenshi tugerageza

gukora Imana mu jisho dusuzugura amategeko yayo n'ubushake bwayo.Iteka ibi ntakindi bituzanira kitari ibyago, iyo atari twe ubwacu bikozeho usanga abo tubana aribo tugiriye nabi. Ese waba wibuka mu buzima bwawe ubwo wakoze ikintu kidakwiriye hanyuma ugasanga kigukururiye ibibazo? Waba se wibuka ubwo wagize ibyago bitewe no kutumvira k'undi muntu?

7. Abatambyi hamwe n'abajyanama mu by'amadini bari bazi ibyanditswe bivuga kuri uwo Mwami w'Isezerano, ariko nyamara ntibagiye kureba Yesu. Ese burya birashoboka ko umuntu yaba umunyedini cyane, akanamenya Bibiliya cyane, akamenya ibya Yesu Kristo cyane, ariko nyamara akaba atamuzi neza mu mutima we?

8. Yesu ni "Imana muri twe", cyangwa "Imanweli". Aya magambo yari yaranditswe mu byanditwe byera n'umuhanuzi Yesaya niyo Mlayika yabwiye Yosefu. Abantu benshi bavuga ko Yesu yari umuhanuzi. Abandi bakavuga ko yari umumalayika cyangwa se umuntu w'ingeso nziza. Nyamara Bibiliya yo yigisha ko yari "Imana muri twe."

Mu byumweru bitandatu bikurikiye,tugiye kuzareba YESU KRISTO uwo ariwe koko, turebe n'INKURU NZIZA yazanye ku isi icyo aricyo.

INKURU NZIZA YA YESU

By
Christy A. Brawner

<u>"Kubatizwa kwa Yesu"- Isomo rya 2</u>
Matayo 3-4

"Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi" Matayo 3:2

Gusubiramo

1. Izina rya nyina wa Yesu ni _____.
2. Igitangaza kimwe kiri mu ivuka rya Yesu ni uko yabyawe n' _____.
3. Isezerano rya Kera ryavuze byinshi ku kuvuka kwa Kristo; kimwe muri byo cyari uko azitwa Imanweli, bisobanura ngo "Imana _____ _____."
4. Herode yari _____ wa Yudaya wagerageje kwica Yesu. Y _____ abana bose bari munsi y'imyaka ibiri b'i Betelehemu n'ahahakikije .
5. Ba banyabwenge bagiye kureba Yesu bagendaga bakurikiye _____. Abo banyabwenge mu gutaha baciye mu yindi nzira kuko bari baburiwe n'Imana mu_____ ko Herode ashaka _____ Yesu.
6. Yosefu yahunganye n'umuryango we mu gicuku hagati bajya muri Egiputa kuko Imana yari yamweretse mu _____ ko Herode arimo ashakisha_____.
7. Yosefu yamenye ko noneho nta kibazo ashobora gusubira muri Isirayeli biciye mu _____. Ariko ntiyasubiye I Betelehemu ahubwo umuryango we yawujyanye mu mudugudu witwa _____.
8. Nk'uko yakomeje kubikora uko ibihe byagiye bikurikirana, n'uyu munsi Imana ikomeza _____yayo
9. Imana imenya ibiri mu _____ yacu n'igihe harimo ubugome bwinshi.
10. Birashoboka ko umuntu yaba umunyedini, akanamenya ibya Bibiliya cyane, nyamara akaba atazi _____ ku giti cye mu _____we.

Aya ni amagambo yigishijwe n'umuntu wabaga mu butayu bwa Yudaya.Uwo muntu yambaraga uruhu rw'ingamiya agakenyera n'umukandara w'uruhu.Yatungwaga n'ubuki n'inzige.Izina rye yari Yohana Umubatiza.

Abantu benshi bari baturiye inkengero z'Uruzi rwa Yorodani bamusangaga mu butayu bakajya kumva amagambo ye.Iyo bamaraga kumwumva benshi babatizwaga

muri Yorodani bakatura ibyaha byabo.Abakuru b'amadini benshi, abitwaga abasadukayo n'abafarisayo, nabo baragendaga bakajya kureba ibibera iyo mu butayu. Igihe Yohana yababonye yabise "abana b'incira," (abana b'inzoka) kandi akavuga ko batubaha Imana kuko bibwira ko kubera ko ari abanyedini cyane kandi ko kuko bakomoka ku babyeyi beza, bo badakeneye kwihana ibyaha byabo.

Igihe Yohana yarimo yigisha, Yesu araza amusaba ko yamubatiza.Ariko Yohana abanza gushaka kwanga kubatiza Yesu kuko yumvaga adakwiriye.Ariko Yesu yarakomeje arahata arabimusaba nuko bombi binjira mu mazi y'uruzi Yorodani. Yesu yiburutse mu mazi,Umwuka Wera amumanukiraho mu ishusho y'inuma. Kandi ijwi rirangurura rivugira mu ijuru riti "Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane nkamwishimira"

Hanyuma y'aho Umwuka Wera ajyana Yesu mu butayu kugirango Satani amugerageze.Amara iminsi mirongwine n'amajoro mirongwine atarya atanywa, hanyuma nyuma y'iyo minsi mirongwine arasonza cyane.Icyo nicyo gihe rero Satani yaje kugerageza Yesu .

Bibiliya ivuga ku bigeragezo bitatu Yesu yahuye nabyo mu butayu.Mu kigeragezo cya mbere Satani yagerageje gutuma Yesu yahindura amabuye imigati, yitwaje ko ngo ibyo byaba ikimenyetso kigaragaza ko ariImana.Yesu yamusubije akoresheje Ijambo ry'Imana ryanditse. Ubwa kabiri, Satani yamujyanye hejuru y'urusengero aramubwira ngo nasimbuke ave hejuru y'urusengero agwe hasi ngo bityo araba yerekanye ko ari Imana. Ariko na none Yesu arongera amusubiza akoresheje Ijambo ry'Imana ryanditse. Ubwanyuma Satani amujyana ku musozi maze aramubwira ati, "Ibi bintu byose ndabiguha niwubama hasi ukandamya." Yesu aramusubiza ati,"Uzaramye Uwiteka Imana yawe, kandi abe ariwe uzakorera wenyine." Kuri ayo magambo Satani ahera ko aramureka, maze abamalayika baraza baramukorera.

Yesu avuye mu butayu yumva inkuru y'uko Yohana Umubatiza bamushyize mu nzu y'imbohe.Nyuma yyaho Yesu ajya I Galilaya, intara iri mu majyaruguru ya Yudaya, ava mu mudugudu wa Nazareti yakuriyemo ajya Kaperinawumu. Ibi byasohozaga ibyari byaravuzwe n'umuhanuzi Yesaya ubwo yavugaga ati, "Igihugu cya Zebuluni n'igihugu cya Nafutali by'ahagana ku Nyanja, hakurya ya Yorodani, Galilaya y'abanyamahanga: abantu bicaraga mu mwijima babonye umucyo mwinshi, kandi abicaraga ahantu h'igicucu cy'urupfu barasiwe n'umucyo."

Bibiliya itubwira ko ari muri uyu mudugudu Yesu yatangiriye umurimo we ku mugaragaro afasha abantu.Ubutumwa yavugaga bwari ubu, "Mwihane kuko ubwami bw'Imana buri hafi."

Ibibazo

1. Vuga uko umuntu witwa Yohana umubatiza yari ameze.
2. Ubutumwa bwa Yohana Umubatiza bwari ubuhe?
3. Yohana Umubatiza yagenzaga ate ababaga bamaze kwatura ibyaha byabo?
4. Kuki Yohana Umubatiza atashakaga kubatiza Yesu?
5. Yesu yabatijwe ate?
6. Byagenze bite Yesu amaze kwiburuka mu mazi?

7. Kuki Yesu yagiye mu butayu?
8. Ni iki Yesu yamazemo iminsi mirongwine n'amajoro mirongwine?
9. Ni ikihe kigeragezo kimwe mu byo Satani yakoresheje?
10. Nyuma y'ibigeragezo ninde waje gukorera Yesu?
11. Yesu yagiye he amaze kumenya ko Yohana Umubatiza yashyizwe mu nzu y'imbohe?
12. Ubutumwa bwa Yesu bwari ubuhe? Ninde na none wavuze ubutumwa nk'ubwo?

Inyigisho zirimo-Isomo 2
Matayo 3-4

1. **Ubutumwa bwa Yohana Umubatiza n'ubwa Yesu bwari bumwe. "Nimwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi."**

∞ Kwihana bisobanura guhindukira ukava mu buzima bw'ibyaha. Bisobanura kwegurira burundu Yesu Kristo ubugingo bwawe akaba ariwe ubugenga.

∞ Icyaha ni ukutumvira Imana n'amategeko yayo.

Ese kwihana ni ikintu gikomerera umuntu kugikora?Wowe se iri jambo rikubwira iki?

Nimubihaneho ibitekerezo mu itsinda; reka buri wese mu itsinda agire icyo abivugaho.

2. **Abakuru b'idini bumvaga ibyo kwihana ibyaha byabo bitabareba kubera ko bumvaga idini ryabo rihagije. Bumvaga bo batunganye bihagije. Yohana abo bantu yabise abana b'inzoka. Ese hari umuntu n'umwe mu isi w'umunyedini cyane cyangwa mwiza cyane ku buryo adakeneye kwihana ibyaha bye?**

***Bibiliya iravuga mu Abaroma 3:23 ngo "Bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana."**

Ese hari umuntu n'umwe mu isi udakora icyaha mu buzima bwe? Ese hari n'umwe utarigeze agomera Imana cyangwa ngo yigomeke ku migambi y'Imana, ugushaka wayo cyangwa se imitekerereze yayo?Bibiliya iravuga ngo 'Nta n'umwe'. Uremeranya se na Bibiliya ko twese twakoze ibyaha?** ***Na none ahangaha ni ngombwa ko ureka buri muntu mu itsinda akagira nawe icyo avuga kuri ayo magambo Imana yabivuzeho. Wowe nk'umuyobozi ntugatere impaka nabo kandi ntukareke ngo hagire undi uwariwe wese atera impaka, ariko ni byiza ko ureka buri wese akavuga we uko abyumva.

3. **Yesu yarabatijwe, ariko nyamara Yesu we nk'Imana nta cyaha yigeze akora.**

Ibi bitugaragariza ko umubatizo UTARI umuhango w'idini ushobora gukuraho umuntu ibyaha bye.Iyo intego y'umubatizo iza kuba iyo kweza umuntu ho ibyaha bye, Yesu ntaba yaririwe abatizwa kuko we nk'Imana atari yarigeze akora icyaha.

4. Igihe Yesu yiburutse mu mazi Umwuka Wera yamumanukiyeho mu ishusho y'inuma hanyuma Imana Data ivugira mu ijuru iti "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda cyane nkamwishimira." Aha rero tubonamo ubutatu buri mu Mana. Ubwo butatu ni ubuhe?

Imana Data, Imana Mwana n'Imana Umwuka Wera.

5. Yesu yajyanywe mu butayu kugirango ageragezwe na Satani. Satani ariho koko. Ni umwuka uri mu isi hamwe n'indi myuka yamuyobotse yitwa abadayimoni, kandi bashobora kurimbura ubugingo bwacu mu gutuma tugomera Imana. Neza neza nk'uko yagerageje Yesu natwe Satani aratugerageza. Ariko twebwe rero mu buryo bunyuranye n'ubwa Kristo, Bibiliya ivuga ko tunageragezwa n'ububi busanzwew bwibereye mu mitima yacu butuma dukora ibyo Imana yanga cyangwa ibyaha.

6. Umuhanuzi Yesaya yari yarahanuye ko Yesu azatura ahagana ku nyanja kandi ko azabera umucyo abari batuye mu mwijima, ababaga mu gicucu cy'urupfu.

Twese twese iyo tudafite Kristo tuba turi mu mwijima ndetse wenda wowe cyangwa undi muntu ukunda mushobora kuba muri mu gicucu cy'urupfu.Bamwe bari bene aho hantu kubera ibiyobyabwenge, abandi kubera ubusambanyi, abandi na none bakaba bazira urugomo. Uyu murongo utubwira ko Yesu yaje ngo atubere umucyo twebwe abari mu mwijima, ko kandi ashobora guha umudendezo ababa mu gicucu cy'urupfu.

*Mu gihe cyo gusenga cyacu uyu munsi mureke dusengere abacu bari mu gicucu cy'urupfu.Bashobore kugera ku mucyo n'umudendezo muri Yesu Kristo.

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na:
Christy A. Brawner

<u>“Ibitangaza bya Yesu”- Isomo rya 3</u>
Matayo 4-9

“Nimunkurikire nzabagira abarobyi b’abantu.”- Matayo 4:19

Gusubiramo

1. Ninde wabwiye Yosefu ibyo kuza kwa Yesu, ninde kandi wamubwiye ko izina rye agomba kuzitwa “Imanweli” cyangwa “Imana muri twe?” Ibyo bitwigisha ko Yesu ari _____ muri twe.
2. Ninde washakaga akana Yesu? Kubera iki? Yesu yarokotse kuko bahungiye muri _____.
3. Ninde wabatije Yesu? Kuba Yesu nawe yarabatijwe bitwereka icyo gikorwa cyo kubatizwa kidakuraho umuntu _____ bye.
4. Yesu yiburutse mu mazi, ikintu kimeze nk’inuma cyavuye mu ijuru n’ijwi rivugira mu ijuru, iyo numa yari nde, kandi iryo jwi ryavugiye mu ijuru ryari irya nde?
5. Abafarisayo bumvaga bo badakeneye kwihana ibyaha byabo kuko bari abanyedini cyane. Ese birashoboka ko umuntu yaba umunyedini cyane ku buryo byamukuraho ibyaha bye?
6. Ijambo “kwihana” risobanura iki?
7. Icyaha ni iki?
8. Ninde wagerageje Yesu mu butayu?
9. Yesu yagiye he avuye mu butayu?

Igihe yagendaga ku nkengero z’Inyanja ya Galilaya,Yesu yageze ku barobyi babiri. Arabahamagara arababwira ati,“Nimunkurikire nzabagira abarobyi b’abantu.” Bahera ko basiga inshundura zabo baramukurikira. Kuri uwo munsi Yesu ahamagara abigishwa be ba mbere bane: Petero, Andereya, Yakobo na Yohana. Bose bari abarobyi.

NukoYesu agenda intara ya Galilaya yose yigishiriza mu masinagogi, abwiriza ubutumwa bwiza bw’ubwami, akiza indwara zose n’ubumuga mu Bantu . Abantu benshi baramukurikiraga aho yajyaga hose .

Umuntu wari urwaye ibibembe asanga Yesu aramwunamira aramuramya . Abwira Yesu ati,“Mwami, ubishatse wankiza” Yesu aramusubiza ati, “Ndabishaka, kira.” Uwo mwanya uwari urwaye ibibembe arakira .

Umwe mu bakuru b’abasirikare b’Abaroma asanga Yesu.Uyu mugabo yari agiye gusaba Yesu ngo amukirize umugaragu we wamugaye kandi wari ubabajwe cyane.Yizera ko imbaraga za Yesu zimukiza. Yesu amubwira ko abantu benshi bo mu mahanga yose bazaza gusangirira hamwe mu bwami bwo mu ijuru; nuko kuri iyo saha wa mugaragu arakira.

Ikindi gihe hakurya y’inyanja, hari abantu babiri babaswe n’abadayimoni.Abo bantu bari bafite imbaraga nyinshi n’amahane menshi kuburyo ntawashoboraga kubafata cyangwa no guca aho bari.Babaga mu marimbi.

Abadayimoni babonye Yesu barataka cyane bati,“Wowe Yesu duhuriye he nawe Mwana w’Imana?Ese uje hano kutwica urupfu n’agashinyaguro igihe cyacu kitaragera?”

Hirya yaho hari umugana w’ingurube.Abadayimoni binginga Yesu bati,“Niba utujugunye hanze, utwemerere tujye muri uriya mugana w’ingurube”.Yesu arababwira ati, “Nimugende.” Uwo mwanya abadayimoni bava muri ba bantu binjira muri za ngurube. Za ngurube nazo zihera ko zifatwa n’abadayimoni zirasara.Zigenda ziruka biteye ubwoba zihanukira ku bihanamanga zitura mu Nyanja.Ingurube zose zirapfa.

Ba nyiringurube bariruka babwira abatuye muri ako gace bose ibyo Yesu yakoze, bababwira n’ibyabaye kuri ba bantu bari barwaye abadayimoni. Abaturage bo muri uwo mudugudu baraza basaba Yesu ko ava aho hantu.

Ajya mu bwato asubira mu mudugudu w’iwabo.Nyuma yaho gato ahura n’umugabo witwaga Matayo.Matayo yari umukozi wa Leta ari umukoresha w’ikoro. Yesu aramubwira ati,“Nkurikira.” Uwo mwanya Matayo arahaguruka aramukurikira .

Nuko rero Yesu n’abigishwa be bajya gusangira ifunguro rya nimugoroba bari kumwe n’abakoresha b’ikoro n’abandi bantu bo mu mudugudu bavugwagaho ingeso mbi zitandukanye. Abakuru mu idini, Abafarisayo, babibonye babaza abigishwa ba Yesu bati,“Kuki Umwigisha wanyu asangira n’abakoresha b’ikoro n’abanyabyaha?”

Yesu abyumvise abwira Abafarisayo ati,“Abazima sibo bakeneye umuganga, ahubwo abarwayi nibo bamukeneye. Ariko mugende mwige icyo ibi bisobanura ngo: ‘Icyo nshaka ni imbabazi ntabwo ari ibitambo.” “ Kuko ntazanywe no guhamagarira abakiranutsi kwihana ahubwo ni abanyabyaha.”

Ibibazo

1. Ni uwuhe mwuga abigishwa ba Yesu ba mbere bakoraga?
2. Ni iki bakoze Yesu abahamagaye ngo bamukurikire?
3. Yesu yagendaga Galilaya yose abantu benshi bakamukurikira. Ni iki yakoraga cyatumaga abantu bangana batyo bamuhururira?
4. Ni ubuhe burwayi Yesu yabanje gukiza bwanditse mu gitabo cya Matayo?
5. Umugaragu wa wamusirikare w’Umuroma yari afite kibazo ki?
6. Ba bantu bari baratewe n’abadayimoni babaga he? Bari bameze bate?
7. Abadayimoni bagenjeje bate babonye Yesu?

8. Abadayimoni byabagendekeye bite bamaze kuva muri ba bantu?
9. Ni iki cyabaye kuri za ngurube?
10. Ba nyiringurube babyifashemo bate?
11. Matayo yari muntu ki?
12. Yesu yasangiye ifunguro rya nimugoroba na bantu ki?
13. Abafarisayo babivuzeho iki?
14. Ni ikihe gisubizo Yesu yahaye abo bafarisayo?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 3
Matayo 4-9

1. Yesu ntarobanura ku butoni.

∞ Abigishwa ba mbere ba Yesu bari abarobyi, abanyu boroheje batageze mu ishuri.

∞ Wa mubembe yari umuntu wahawe akato kubera indwara y'uruhu yari yaramwangije isura imugira insuzugurwa.

∞ Wa mugaragu w'umusirikare w'umuroma yari yaramugaye, nta gafaranga yigirira nta n'agaciro afite mu bandi.

∞ Matayo yari umukoresha w'ikoro. Birashoboka ko yaba yari n'umukire cyane, ariko akaba umujura w'umuryi wa ruswa.

∞ Ba bantu bari barahanzweho n'abadayimoni bari barahindutse insuzugurwa cyane kugeza n'ubwo abari batuye muri wa mudugudu bari bakunze ingurube zabo kuruta ko bariya bantu bakira bakaba bazima. Muby'ukuri babaga mu masenga y'imva.

***Ariko nyamara aba bantu bose bari ab'igiciro kuri Yesu. Ufite umumaro kandi uri uw'igiciro mu maso y'Imana. Uko wabayeho, imitungo yawe, uko ugaragara inyuma cyangwa se agaciro ufite mu bantu, ibyo byose ntacyo bigize icyo bibwira Imana.**

2. Yesu afite ububasha bwo gukiza indwara zacu. Ni izihe ngero z'abantu bakize indwara muri iyi nkuru?

3. Yesu afite ububasha kuri buri mwuka cyangwa buri mudayimoni wese. Hari abantu bagiye bahura n'abadayimoni, akenshi na kenshi bitewe n'uko abo bantu bari mu kugerageza uko bagera ku bintu bibwira ko ari byiza. Ariko mugihe bataramenya n'ibyo barimo, abadayimoni bakaba bamaze gucakira ubugingo bwabo. Kuva ubwo abo badayimoni bakabagendaho bakababuza amahoro ntibongere kubaha agahenge ngo babareke. Abo bantu nta bushobozi baba bafite bwo kuba bakwiyambura abadayimoni.**Yesu afite ubutware n'imbaraga kuri BURI mudayimoni wese na BURI mwuka wose mu isi. Ni muri Yesu GUSA dushobora kubonera ubushobozi bwo kuva mu ngoyi z'imyuka mibi.**

4. Yesu akunda abantu bavugwaho imyitwarire mibi. Yakira abanyabyaha bose. Yesu ntacira abantu ho iteka, ahubwo icyo yifuza ni ukugeza abantu bose ku kwihana no ku kubabarirwa nyabyo.

5. Abanyedini cyangwa abafarisayo, ntibihanaga ibyha byabo ahubwo bibwiraga ko bo ari beza kurusha ba banyabyaha bandi basangiraga na Yesu.Ese icyiza ni iki? Kuba umunyabyaha ruharwa wababariwe no kugira ibyaha bicye ariko ukanga kwihana?

∞ **Ni byiza cyane ku buryo butagereranywa kuba umunyabyaha ruharwa ariko wababariwe.**

Yesu atwemera kandi akadukunda uko turi.Ntacyo bivuze kuri we niba turi abanyabyaha karuhariwe, cyangwa se turi abakene, niba se dufite udushuri ducye,dufite ibibazo byinshi se cyangwa dufite uburwayi bw'umubiri.Mu maso ye twese turi kimwe. Icy'ingenzi kuri we ni uko twihana tukamukurikira.

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na
Christy A. Brawner

<u>"Inyigisho za Yesu"- Isomo rya 4</u>
Matayo 10-16

"Icyo nshaka ni imbabazi si ibitambo" Matayo12:7

Gusubiramo

1. Yesu yabyawe n'umukobwa w'umuyudakazi witwaga _____.
2. Abanyabwenge b'iburasirazuba bashoboye kumenya aho Yesu ari kuko bagendaga bakurikiye _____.
3. Ba banyabwenge ntibasubiye kwa Herode kuko bari babwiwe n'Imana mu_____ kuza guca indi nzira bataha.
4. Yohana Umubatiza yabaga mu butayu abwiriza kandi aka _____ abantu batuye ibyaha byabo.
5. Ijambo "kwihana," risobanura iki?
6. Yesu amaze kubatizwa, _____ _____ yamumanukiyeho mu ishusho y'inuma, n'ijwi rivugira mu ijuru. Ibi bitugaragariza ubutatu bw'Imana: Imana _____, Imana _____, n'Imana _____ _____. Ibi nibyo twita Ubutatu.
7. Mu butayu Yesu yageragejwe na_____.
8. Abigishwa ba mbere ba Yesu bari_____ ni wo wari umwuga wabo.
9. Yesu yahuye na ba bantu bari barabaswe n'abadayimoni. Yesu yabafashije ate? Abaturage bo muri ako gace se bo babyifashemo bate nyuma y'icyo gikorwa Yesu yari amaze gukora?
10. Abafarisayo baneguye Yesu ko yasangiye n'abantu bameze bate?
11. Ese kuba umunyabyaha ruharwa wihannye akababarirwa biruta kuba umuntu ufite ibyaha bicye ariko ufite umutima udashaka kwihana?

Yesu yahamagaye abagabo cumi na babiri ngo babe abigishwa be; bisobanura ko bari abantu bamuba hafi cyane akabatoza. Abo cumi na babiri yabahaye ububasha ku myuka mibi, abaha n'ubushobozi bwo gukiza indwara zose. Ababwira ko bakwiye

kujya batangira ubuntu kuko nabo baherewe ubuntu.Na Yuda Isikariyota yari umwe muri abo batumwe.

Yesu abohereza mu mpande zose za Isirayeli kugirango bahamagarire ubwoko bw'abayuda kwihana no kwizera Yesu Kristo.Yesu aha abo bagabo ubutumwa ati, "Uzampamya imbere y'abantu nanjye nzamuhamya imbere ya Data wo mu ijuru. Ariko uzanyihakana imbere y'abantu nanjye nzamwihakana imbere ya Data wo mu ijuru."

Kandi Yesu ubwe nawe yagendaga muri Galilaya yose yigisha, abwiriza ubutumwa akiza n'indwara z'uburyo bwose.Nyamara abantu b'I Galilaya, abo yamaranye nabo igihe cye kinini cyane ntibemeye ubutumwa bwe.I Kaperinawumu ari naho yatangiriye umurimo we muri rubanda, ntibamwemeye.Yesu abonye ibyo abwira Se aya magambo ati:

> "Ndagushima Data Mwami w'ijuru n'isi, kuko ibi wabihishe abanyabwenge n'abahanga ukabihishurira abana bato.Ni koko Data ibyo nibyo wabonye ko ari byiza mu maso yawe.Byose nabihawe na Data, kandi nta n'umwe uzi Umwana uretse Data.Nta n'uzi Data uretse Umwana n'uwo Umwana ashatse kumuhishurira.Nimuze munsange, abarushye n'abaremerewe, ndabaruhura.Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona kuruhuka kw'imitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye."

Yesu amaze kuvuga aya magambo, ajyana n'abigishwa be banyura mu mirima y'ingano kandi hari ku munsi wa Sabato. Abigishwa be bashonje basoroma ku ngano bararya.

Abafarisayo babibonye, wibuke kandi ko bari abayobozi b'idini, batangira kubashinja ko ibyo ari ukwica amategeko kuko abayuda batemererwa gukora ku munsi wa sabato. Yesu abasubiza ababwira ko kugeza ubwo batari bagasobanukirwa amategeko y'Imana, ati kuko ibyanditswebivuga ngo, "Nkunda imbabazi kuruta ibitambo."

Yesu n'abigishwa be bavuye muri iyo mirima y'ingano, bajya mu isinagogi y'abayuda bahasanga umuntu wari waranyunyutse ukuboko. Yesu abwira uwo muntu kurambura ukuboko kwe, amukiriza aho mu isinagogi, rubanda rwose bareba ku munsi wa sabato.

Abafarisayo bararakara cyane, bava ahongaho baragenda bajya kujya inama y'ukuntu bakwica Yesu.Yesu atahura imigambi yabo,nuko arahava arigendera.Nyamara abantu benshi baramukurikira, kandi bose abakiza indwara zabo akabihanangiriza ngo ntibabyamamaze kugirango batamukururira.

Yesu akomeza gukora umurimo we muri ako karere yigisha abantu kandi abakiza indwara zabo.Inshuro ebyiri abantu bamukurikiye mu butayu, batindayo cyane kandi batanariye bateze amatwi inyigisho ze gusa.Inshuro ebyiri Yesu yafashe utugati tutarenze turindwi n'udufi ducyeya gusa agaburira abantu barenga ibihumbi bine barahaga .

Yesu agikora umurimo we aho muri Galilaya, asobanurira abayoboke be bamukurikiye ko yegereje kujya I Yerusalemu kandi ko azahurirayo n'ibintu biteye

ubwoba. Ababwira ko abayobozi b'abayuda bazamuzengereza bakamubabaza cyane ndetse bakamwica, ariko ko nyuma y'iminsi itatu azazuka akongera akaba muzima.

Ibibazo

1. Ni iyihe nshingano Yesu yahaye abigishwa be?
2. Ni iki Yesu yavuze ko azakorera abazamuhamya imbere y'abantu, naho se abazamwihakana imbere y'abantu?
3. Abantu b'i Kaperinawumu kimwe n'ahandi henshi Yesu yagiye akorera ibitangaza byinshi, bakiriye bate ubutumwa bwe?
4. Yesu yabwiye abarushye n'abaremerewe ngo bamusange. Icyo yasezeranye kubakorera ni iki?
5. Ni iki Yesu n'abigishwa be bakoze muri ya mirima y'ingano banyuragamo?
6. Kuki abafarisayo bagaye Yesu ngo yasoromye ingano?
7. Kuki abafarisayo barwanyije Yesu ngo yakijije wa muntu wari waranyunyutse ukuboko?
8. Inama abayobozi b'abayuda baremesheje yari igamije iki?
9. Yesu yabwiye abayoboke be ko hari ibintu byenda kumubaho. Ubuhanuzi yabahanuriye ni ubuhe?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 4
Matayo 10-16

1. Abatura bagahamya izina rya Yesu imbere y'abantu nawe azabahamya imbere ya Se. Ariko abamwihakana imbere y'abantu nawe azabihakana imbere ya Se wo mu ijuru.

2. Abantu benshi bakurikiraga Yesu ku bw'igitangaza gusa runaka bamushakagaho, ariko badashaka ubusabane nawe, badashaka kumvira amagambo ye. Ntibashakaga kwihana ibyaha byabo. Bashakaga gusa kwibonera imigisha y'Imana. N'uyu munsi se hari abantu bameze batyo? Hari uwo waba uzi se umeze atyo?

3. Yesu Kristo niwe wenyine gusa ushobora kugera kuri Data, n'undi wese waza kuri Data anyuze kuri Yesu Kristo. Ntawundi watuvugira ku Mana uretse Yesu Kristo gusa. Hari Imana imwe gusa, n'inzira yo kuyigeraho ni imwe gusa, kandi Bibiliya ivuga ko iyo nzira ari Yesu Kristo.

***Wenda waba warigishijwe gusenga Imana unyuze ku bandi bavugizi batari Yesu Kristo. Abo bavugizi ni abahe: Ese ni izindi mana z'ibigirwamana, ni abahanuzi se cyangwa ni abantu beza babayeho mu bihe bya kera? Bibiliya ivuga ko n'ubwo baba bari abantu beza bwose, ariko ko batari Imana. Ese wemeranya na Bibiliya ko hari umuhuza UMWE gusa hagati y'Imana n'abantu ariwe Yesu Kristo?**

4. **Yesunashaka kwikorera imitwaro yacu n'ibiduhagarika umutima byose. Ni uugwaneza kandi ararohеje mu mutima. Ashaka kudukuraho imitwaro twikoreye. Mri we dushobora kubona akaruhuko k'imitima yacu turamutse twemeye kuba abagaragu be, bishatse kuvuga ngo twemeye ubutware bwe cyangwa ubuyobozi bwe ku bugingo bwacu.**

5. **Yesu yita kubyo imibiri yacu ikeneye. Abigishwa bari bashonje Yesu abaha ibyo barya, n'ubwo yari azi ko biri burakaze abafarisayo bagatangira kumutoteza. Imana Umuremyi w'isi n'ijuru ihangayikishijwe n'ibyo umubiri wa buri muntu ukeneye.**

"Nkunda imbabazi kuruta ibitambo." Ijambo "igitambo"rikubwira iki? Ese wigishijwe n'abayobozi b'idini gutanga ibitambo, ahari wenda kugira ngo ube wakumvirwa cyangwa se kugira ngo ubabarirwe ibyaha? Byaba se bigukomereye kwizera ko Imana idakeneye ibitambo byawe kugirango ikwemere? Ubu bwari ubwa kabiri Yesu agerageza gusobanurira abafarisayo ko

Imana itanezezwa n’ibitambo byacu bya kimuntu. Ariko abantu b’abanyedini cyane, akenshi ibi ntibijya biborohera kubyakira. Amadini yose yigisha ko tugomba kugira icyo dukora kugirango dukire umujinya w’Imana cyangwa se kugirango ibe yatwishimira. Abantu benshi usanga bibabarisha imiruho myinshi bagerageza guhigura imihigo baba barahigiye Imana, bishyura se ibyaha bakoze, cyangwa se gusa bashaka kwereka Imana ko bayikiranukira.Ariko ibi byose NTACYO bivuze ku Mana. Icyo ikeneye ni ukugirana ubucuti natwe. Icyo ikeneye ni ukutwereka imbabazi zayo; ntabwo ikeneye ibitambo byacu. <u>Yesu yari azi ko azababazwa cyane hanyuma agapfa. Ariko kandi ko nyuma y’iminsi itatu azazuka mu bapfuye.</u>Ibyo byose byari mu mugambi w’Imana. Yagerageje kubisobanurira abigishwa, ariko ntibashoboraga kumva impamvu agomba gupfa hanyuma akazuka.

*Mu masomo atatu arangiza aka gatabo, tuzagerageza gusobanukirwa umumaro w’urupfu n’izuka bya Yesu.Iki kintu kidasanzwe cy’umwihariko cyari icyo guhindura burundu amateka y’isi.Iki kintu cyonyine gusa nicyo gifite imbaraga zo gucagagura ingoyi z’icyaha no guhindura ubugingo bwacu.

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na
Christy A. Brawner

"Kugambanirwa kwa Yesu"- Isomo rya 5
Matayo 20-26

"Yesu yenda kuzamuka ngo ajye i Yerusalemu, yihererana n'abo cumi na babiri, ababwirira mu nzira ati, 'Dore turazamuka tujya i Yerusalemu, Umwana w'umuntu azagambanirwa n'abatambyi bakuru n'abanditsi, bamucire urubanza rwo kumwica.Bazamugambanira mu bapagani bamushinyagurire, bamukubite imikoba bamubambe, ku munsi wa gatatu azazurwa." Matayo 20: 17-19

Gusubiramo

1. Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi witwaga _____.
2. Se, _____, yari yabwiwe n'Imana mu nzozi guhungira muri Egiputa kuko umwami Herode yashakaga _____ Yesu.
3. Yohana Umubatiza yabaga mu butayu abwiriza kandi abatiza abaje _____ ibyaha byabo.
4. Yesu ntiyari afite _____na kimwe, nyamara yasabye Yohana Umubatiza ko amubatiza.
5. Ijambo "kwihana" risobanura iki?
6. Igihe Yesu yari amaze kubatizwa, _____ _____ yamumanukiyeho asa n'inuma n'ijwi ryumvikanira mu ijuru ngo, "Uyu ni _____ _____ nkamwishimira."
7. Mu butayu Yesu yageragejwe na_____.
8. Yesu yahingutse ku bantu babiri bari barabaswe n'_____. Yesu yerekanye ko afite ububasha bwo _____ abadayimoni.
9. Icyiza ni iki, ari ukuba umunyabyaha ruharwa ariko ukaba ufite umutima wihana, no kuba umunyabyaha bicye ariko nta bushake bwo kwihana na rimwe?

10. Yesu yaravuze ngo numwemera imbere y'abantu, nawe aza_____ imbere ya _____ wo mu ijuru.
11. Abanyegalilaya benshi ndetse n'abantu b'i Kaperinawumu, _____ Ijambo ry'Imana; bakurikiraga Yesu ku bwo kwishakira gusa ibitangaza yakoraga.
12. Ntibashakaga kwihana ibyaha byabo. Na none nongere mbaze, ijambo "kwihana" rivuga iki?
13. Yesu yavuze ko ashaka _____ abarushye n'abaremerewe bose kuko kumukorera_____.
14. Abafarisayo ntibashakaga ko Yesu akiza wa muntu wari unyunyutse ukuboko kuko hari ku munsi wa _____, kandi byari bibujijwe n'amategeko gukora ku munsi wa_____.
15. Abafarisayo bacuze umugambi wo _____ Yesu.
16. Yesu amenya ko abafarisayo bajya inama y'uko bamwica, nyamara akomeza gukora ibitangaza byinshi harimo n'icyo gutubura _____ tubiri n'_____ dukeya akagaburira abantu barenga ibihumbi bine.

Yesu n'abigishwa be bafata urugendo bava i Galilaya bagana i Yerusalemu. Aiye kugera i Yerusalemu, abwira babiri mu bigishwa be ngo bace mu mudugudu waho ngo barahasanga indogobe izirikanye n'iyayo, ngo maze baziziture bazimuzanire. Bazizanye Yesu yicara kuri cya cyana cy'indogobe yinjira mu murwa wa Yerusalemu.

Yinjirana ubwiza n'icyubahiro.Abantu benshi bari bakikije impande zombi z'umuhanda bamushagaye.Benshi bakuragamo imyitero yabo bakayirambika mu muhanda ngo Yesu ayiceho yinjira mu murwa.Abandi bacaga amashami y'imikindo bakayasasa mu muhanda aho aca, mu buryo bwo kumuha icyubahiro.Abandi nabo bamugendaga imbere n'inyuma barangurura ngo, "Hoziyana mwene Dawidi! Hahirwa uje mu izina ry'UWITEKA! Hoziyana ahasumba hose! "

Umurwa wose wa Yerusalemu uhagurutwa no kureba ibyo bibaye bitangaje bidasanzwe.Buri wese abaza ati,"Uriya ni nde?" Benshi bagasubiza bati, "Ni Yesu , umuhanuzi w'i Nazareti mu Galilaya."

Nuko rero Yesu yinjira mu murwa ajya mu rusengero rw'Abayuda asohora abacururizagamo bose; yubika ameza y'abavunjiragamo impiya bari barubatsemo utuntu tw'utuzu bavunjiramo.Arababwira ati "Biranditswe ngo inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo ariko mwebwe mwayihinduye isenga y'abambuzi" Nyuma yaho aguma mu rusengero ahumura impumyi akiza n'abaremaye.

Yesu amaze kwigisha abantu ibintu byinshi, akora ibitangaza n'ibimenyetso byinshi mu rusengero, abatambyi bakuru n'abayobozi b'idini bateranira kujya inama y'uko bamwica. Bashaka ubucakura bakoresha ngo bamutege imitego maze bamwice. Nyamara ariko bari bafite impungenge zo kuba basohoza uwo mugambi wabo igihe cya Pasika, nuko bafata umwanzuro wo kureka Pasika ikabanza ikarangira bakabona gufatira Yesu ibyemezo.

Hagati aho ariko, umwe mu bigishwa cumi na babiri, witwaga Yuda Iskariyota, ajya kubonana n'abatambyi bakuru arababaza ati, "Murampa iki nimubashyikiriza?" Bumvikana ko bamuha ibice by'ifeza mirongo itatu.Guhera ubwo reroYuda atangira gushakisha uko yagambanira Yesu.

Nk’uko byakorwaga muri icyo cyumweru cya Pasika, abigishwa bategura ifunguro bakurikije amabwiriza bahawe na Yesu. Mu mugoroba w’uwo munsi mukuru wo kurya ibya Pasika, Yesu yicarana na ba bandi cumi na babiri maze arababwira ati, "Ndababwira ukuri yuko umwe muri mwe ari bungambanire." Akimara kuvuga ayo magambo abigishwa barababara cyane buri wese akabaza ati, "Mwami, ni jye?"

Yesu arabasubiza ati;"Uwo duhuriza amaboko ku mbehe niwe uri bungambanire.Umwana w’umuntu aragenda nk’uko byanditswe kuri we, ariko uwo muntu ugambanira Umwana w’umuntu azabona ishyano, ibyajyaga kumubera byiza ni uko aba ataravutse."

Yuda uwo wari ugiye kumugambanira, aramubaza ati"Mwigisha, ni jye ?" Yesu aramusubiza ati"Urabyivugiye"

Nuko basangirira hamwe kuri uwomugoroba; kandi bakirya, Yesu afata umugati arawushimira, arawumanyagura awuha abigishwa be ababwira ati, "Nimwakire murye, uyu ni umubiri wanjye." Afata n’igikombe aragishimira,arakibaha ati, "Munywere kuri iki mwese, kuko aya ari amaraso yanjye y’isezerano rishya, ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha."

Barangije ifunguro, baririmba indirimbo, hanyuma bajya ku musozi wa Elayono.Aho ngaho Yesu akomeza kubigisha ibintu byinshi birimo n’ibyari bigiye guhita biba.

Hanyuma Yesu abavanayo arabamanukana abajyana ahitwa Getsemani aho bagombaga gukeshereza ijoro basenga.Maze Yesu ubwo agahinda kari gatangiye gusaga umutima we, ajyana Petero na Yakobo na Yohana arabasaba ngo babane maso nawe. Arabasiga yigira hirya gato kugirango asenge avugane na Se yiherereye. Asenga iryo joro asengera ibyari bigiye kuba.Amagambo ye muri iryo sengesho yaranditswe ni aya:

> Ayi Data, niba bishoboka, ureke iki gikombe kindenge sinkinywereho; ariko nyamara ntibibe nk’uko nshaka bibe nk’uko ushaka .

Byanditse ko iri sengesho yarisubiyemo inshuro eshatu, kandi umutima we wari wuzuye agahinda kenda kumwica.

Nyamara abigishwa bo ntibashoboye kuba maso nibura n’isaha n’imwe.Bose barasinziriye.Hanyuma Yesu aza kuza arabakangura arababwira ati,"Nimubyuke tugende.Dore ungambanira ari hafi."

Ibibazo

1. Yesu yinjiye i Yerusalemu agendera ku nyamaswa bwoko ki?
2. Abantu bakiriye Yesu bate yinjira mu murwa i Yerusalemu?
3. Yuda yakoze iki kugirango agambanire Yesu?
4. Ni uwuhe munsi mukuru warimo urizihizwa mu murwa?
5. Ni gute Yesu yaburiye Yuda ko yamenye ko ari bumugambanire?
6. Yesu yavuze iki kuri divayi basangiye wa mugoroba?
7. Ukurikije uko yesu abivuga, ni kuki byari ngombwa ko amaraso ameneka?

8. Yesu yajyanye n'abigishwa be i Getsemani kugirango bakeshe ijoro basenga. Ni bangahe muri bo bashoboye gukesha ijoro basenga?
9. Ni irihe sengesho Yesu yasenze ijoro agambanirwamo?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 5
Matayo 20-26

1. Imana niyo mugenga wa byose.Abafarisayo bajyaga inama yo kuza kugwa Yesu gitumo bamutunguye.Ariko Imana icyo gihe cyose yari ibaretse ngo basohoze ubushake bwayo mu isi.Byari byarahoze mu mugambi w'Imana iteka ko Yesu azapfa urupfu rwo ku musaraba.

2. Imana izi ibiri mu mitima yacu, ibyo abandi batazi. Yesu yari azi mbere hose ko umwigishwa we Yuda azamugambanira.

3. Yesu akomeza kudukunda no kutugirira neza n'iyo twe tumwanze.Yesu yafashe Yuda neza cyane ku buryo nta wundi mwigishwa numwe wari kwemera ko ari we mugambanyi. Natwe Yesu akomeza kudukunda no kutugirira neza n'ubwo twebwe kenshi tumugambanira tukamwihakana tukanga no kwemera ko ayobora ubugingo bwacu.

4. Amaraso ya Yesu yamenetse ku bwacu kugira ngo tubabarirwe ibyaha byacu.Icyo gihe ntabwo abigishwa bashoboraga kumva igituma Yesu agomba gupfa . Ntibumvaga ko Imana itegeka ko buri muntu wese agomba kwishyura ibyaha yakoze kandi ko icyo giciro cyishyurwa ari amaraso agomba kumeneka. Bo bumvaga ko Yesu abakunda, ko kandi bababariwe ibyaha byabo. Ariko bari

5. bagishigaje gusobanukirwa igiciro Yesu yagombaga kwishyura kugirango ibyaha byabo bibabarirwe.

*Abantu benshi bazi neza ko bafite ibyaha mu bugingo bwabo. Ndetse abenshi bashobora no kuba barumvise inkuru ya Yesu bakamenya ko abakunda. Ariko ni bacye basobanukirwa ko Imana itegeka ko amaraso agomba kumeneka kugirango ibyaha bibabarirwe. Yesu ,kuko ari Imana, niwe wa mbere n'uwanyuma mu bantu babayeho n'abazabaho muri iyi isi utarigeze akora icyaha na kimwe. Kubw'urukundo rwe rutangaje adukunda yemeye gutanga ubugingo bwe ho igitambo kugirango yishyure ikiguzi cy'ibyaha byacu, kandi si n'ibyacu gusa ahubwo ni iby'isi yose.Ni kubw'icyo gitambo, dufite amahirwe yo guhabwa imbabazi z'ibyaha byacu tukagirana amahoro n'Imana nta kidutandukanya nayo.

Icyumweru gitaha tuzareba neza ku buryo bunonosoye ibyo kubambwa kwa Kristo.

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na
Christy A. Brawner

"Kubambwa kwa Yesu"- Isomo rya 6
Matayo 26-27

"Yesu aramusubiza ati,"Wakabimenye, kandi ndababwira yuko hanyuma muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mu ijuru." Matayo 26:64

Gusubiramo

1. Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi witwaga _____.
2. Neza neza nk'uko byari byaranditswe, Yesu yavukiye i _____.
3. Neza neza nk'uko Ibyanditswe byari byarabivuze, Yesu ava mu gihugu cya _____, kuko yari yarahunze umwami Herode.
4. Se wa Yesu, _____, yari yabwiwe mu nzozi ko agomba gusubira muri Isirayeli kuko Umwami Herode yari yapfuye. Ariko Yosefu kuko yari agifite

ubwoba bw'umuhungu w'Umwami Herode, yimurira umuryango we mu gace ka _____ mu mudugudu witwa Nazareti.

5. Yesu atangira umurimo we ku mugaragaro yarabanje abatizwa na _____ _____ _____.
6. Yesu avuye mu mazi _____ _____ mu ishusho y'inuma yamanutse ava mu ijuru, n'ijwi ry' _____ ryumvikanira mu ijuru rivuga riti, "Uyu ni Umwana wanjye nkunda nkamwishimira."
7. Yesu yakijije abantu benshi indwara kandi yababariye benshi _____ byabo.
8. N'aho bamariye kubona ibitangaza byinshi, abantu benshi bo mu karere ka Galilaya _____ ubutumwa bwa Yesu, ntibashatse no kwihana ibyaha byabo.
9. Ijambo "kwihana" risobanura iki?
10. Yesu yinjira mu murwa wa Yerusalemu, abantu benshi bari bamushagaye. Icyo gihe yagenderaga ku _____.
11. Mu ijoro ryo kwizihiza umunsi wa Pasika, Yesu yabwiye abigishwa be ko umwe muri bo ari bumu_____ . Icyo gihe nta n'umwe wari wakamenye uwo avuga.
12. Yesu yavuze kuri divayi bariho banywa. Yavuze ko ishushanya amaraso ye yagombaga kumeneka ngo habeho _____ ibyaha.
13. Abigishwa bumvise ayo magambo ariko bari batarashobora gusobanukirwa ko Yesu agiye _____ ibyaha byabo.
14. Baraangije ifunguro, bose bagiye ku musozi wa Elayono hanyuma bakomereza i Getsemani. Yesu yaraye asenga igihe abigishwa bo bari _____.
15. Yesu yarasenze ati, "Niba bishoboka icyi gikombe kindenge, ariko ntibibe nk'uko nshaka ahubwo bibe nk'uko _____ .

Igihe Yesu yari agikangura abigishwa be, Yuda wari wamugambaniye, aza azanye n'igitero cy'abantu benshi barimo n'abatambyi bakuru n'abayobozi b'idini, abenshi muri bo bafite inkota n'amahiri.Yuda araza asanga Yesu aramuhobera aramusoma ati, "Ndakuramutsa Mwigisha!"Yesu aramubwira ati,"Nshuti yanjye uragenzwa n'iki?"

Ako kanya umwe mu bigishwa ba Yesu akura inkota ye aca ugutwi k'umwe mu bagaragu b'umutambyi mukuru.Yesu araza afata kwa gutwi agusubizaho aragukiza wa mwigishwa abireba. Abwira uwo mwigishwa ko iyo abishaka hari legiyoni cumi n'ebyiri z'abamalayika zashoboraga kuza zikamurwanirira, ariko ko ibyo byose bibaye ari ubushake bwa Data kugirango Ibyanditswe bisohore.

Hanyuma Yesu ahindukirira cya gitero cy'abantu kimuteye arababaza ati,"Harya muhurujwe no kumfata nk'ufata umwambuzi, mufite inkota n'amahiri? Nicaraga mu rusengero iminsi yose nigisha, kuki mutamfashe?Ariko ibi bibereye kugira ngo ibyanditswe n'ababanuzi bisohore."

Nuko abigishwa bose biruka bahunga bamusiga wenyine .

Abari bamufashe bamujyana mu rugo rw'umuntu witwaga Kayafa kandi muri icyo gihe niwe wari umutambyi mukuru.Kuko aho niho abatambyi bose n'abakuru b'idini bari bategerereje ngo bamuhate ibibazo.

Bari bateguye abantu bari bumushinje ibinyoma benshi kugira ngo babone uko bamucira urwo gupfa. Kandi koko benshi baraje baramushinja, ariko biranga biba

iby'ubusa Babura ibimenyetso bihagije byatuma bamucira urwo gupfa, kugeza ubwo umutambyi mukuru ubwe yarinze kwiyizira amuhata ibibazo.Hanyuma abaza Yesu ati, "Nkurahije Imana ihoraho: Tubwire niba ari wowe Kristo, Umwana w'Imana!"

Yesu aramubwira ati,"Wakabimenye, kandi ndababwira yuko hanyuma muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mu ijuru."

Umutambyi mukuru abyumvise atyo ashishimura imyenda ye ati,"Atutse Imana!" Abantu bari bateraniye aho bahera ko bafata Yesu batangira kumucira amacandwe mu maso. Bamwe bamukubita ibipfunsi, abandi bamukubita inshyi bavuga ngo,"Ngaho se hanura Kristo we!Ninde ugukubise?"

Umuseke utambitse, abatambyi n'abakuru b'idini ry'abayuda bajyana Yesu bamushyira umutegetsi w'Umuroma witwaga Pontio Pilato wategekaga ahongaho.Baramubwira bati uyu yiyita ko ari Umwami w'Abayuda.

Pilato atangira kumuhata ibibazo ati,"Ni wowe Mwami w'Abayuda?" Yesu ati,"Urabyivugiye."

Ariko no hanyuma y'ibibazo byose yamubajije, Pilato abura impamvu n'imwe yatuma abamba Yesu.Kandi n'umugore we yari yaraye arose inzozi zerekeye ibyo bintu byose zimubuza amahoro, nuko abwira umugabo we ngo aramenye atagira icyo atwara uwo muntu Yesu. Pilato amenya ko abakuru b'Abayuda bamuzaniye Yesu kubera ishyari bamufitiye gusa, ariko ayoberwa uko yabyifatamo abantu baramutse bivumbagatanije.

Uko umwaka utashye, kuri uwo munsi mukuru wa Pasika, byari byarabaye akamenyeo ko Pilato arekurira abantu imbohe imwe bashaka. Kandi uwo mwaka hari imbohe yari yarahebuje mu bugizi bwa nabi yitwaga Baraba.Nuko azana Baraba na Yesu ahitishamo abantu ati, "Murashaka ko mbarekurira nde?Baraba, cyangwa Yesu witwa Kristo?" Ariko abantu kuko bari bohejwe n'abafarisayo batera hejuru bati, "Baraba!"

Pilato arabaza ati,"None uyu Yesu witwa Kristo ndamugira nte?" Abantu barasakuza cyane ngo "Nabambwe!"

Pilato abonye ko abantu batangiye imyigaragambyo, afata amazi akarabira imbere yabo ati, "Amaraso y'uyu mukiranutsi ntambarweho, birabe ibyanyu." Maze arekurira abantu Baraba hanyuma atanga Yesu ngo akubitwe imikoba.

Abasirikare ba Pilato bajyana Yesu mu rukiko bamuteraniraho, bamushungirwaho bamukubita bamukoza isoni. Baramucuza bamwambika umwenda utukura, baboha ikamba ry'amahwa barimwambika mu mutwe.Bamuha n'urubingo mu kuboko kw'iburyo nk'inkoni y'ubutware, baramupfukamira bamushinyagurira bati, "Nyakubahwa Mwami w'Abayuda!" Bamucira amacandwe, bafata rwa rubingo yari afite barumukubita mu mutwe. Barangije kumushungera bamwambura wa mwenda, barongera bamwambika imyenda ye bamujyana ahitwa i Gologota cyangwa i "Nyabihanga" kuko aho ariho yagombaga kubambwa.

Aho nihoYesu yabambwe, kandi ku musaraba Abaroma bashyiraho inyandiko hejuru y'umutwe we ivuga ngo, "Uyu ni Yesu, Umwami w'Abayuda." Yesu yabambwe hagati y'abambuzi babiri, umwe iburyo bwe undi ibumoso.

Uhereye ku isaha ya gatandatu haba ubwirakabiri mu gihugu cyosekugeza ku isaha ya cyenda. Maze ku isaha ya cyenda Yesu avuga ijwi rirenga ati, "Eli Eli, lama

sabakitani?" Bisobanurwa ngo, "Mana yanjye, Mana yanjye ni iki kikundekesheje?" Hashize umwanya muto yongera kuvuga n'ijwi rirenga, aratanga.

Igihe Yesu yavagamo Umwuka, hari ibintu bitangaje byabereye icyarimwe muri uwo mwanya.Umwenda wakingirizaga ahera cyane h'urusengero watabutsemo kabiri guhera hejuru kugera hasi, isi iratigita, ibitare birameneka, ibituro birakinguka, intumbi nyinshi z'abera bari barasinziriye zirazurwa, maze amaze kuzuka binjira mu murwa i Yerusalemu babonekera benshi.

Ibibazo

1. Yesu yagambaniwe ate?
2. Umwe mu bigishwa ba Yesu hari ikintu yakoze agerageza gutabara Yesu. Ni iki yakoze, kandi Yesu yabyitwayemo ate?
3. Ese Yesu amaze kugambanirwa, abigishwa bose babigenjeje bate?
4. Ba bantu bamaze gukura Yesu i Getsemani muri ka gashyamba bamujyanye he?
5. N'ubwo hari abantu benshi bo kumushinja ibinyoma, ariko ni gute amaherezo Yesu yaje gushinjwa icyaha co gutuka Imana?
6. Ni he abakuru b'abayuda bajyanye Yesu umuseke umaze gutambika?
7. Pilato amaze kubaza Yesu ibibazo yasanze nta cyaha kimuhama, ariko yatinye abantu aricyo cyatumye abahitishamo. Iryo hitamo ryari irihe, kandi abantu bahisemo bate?
8. Ni ibiki abasirikare bakoreye Yesu?
9. Nyuma y'amasaha atatu y'ubwirakabiri, hari amagambo yabwiye Imana n'ijwi rirenga. Ayo magambo yasobanuraga iki?
10. Ni ibihe bintu bimwe mu byabaye igihe yesu yari avuyemo umwuka?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 6
Matayo 26-27

1. Yesu ninde? "Umwana w'Umuntu wicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, kandi uza ku bicu byo mu ijuru." Icyi nicyo gisubizo Yesu yahaye abatambyi bakuru, kandi ni icyo gisubizo amaherezo cyatumye abambwa. Ni igisubizo abo bantu batashoboraga kwemera.Kandi na none buri muntu wese agomba kurwana n'icyi kibazo: Yesu mu byukuri ninde? Kuko niba koko yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana akaba aza ku bicu byo mu ijuru, buri wese muri twe agomba kwitegura icyo azavuga imbere ye?

2. Yesu yabambwe mu cyimbo cya Baraba, umugome mubi w'umwambuzi; hanyuma Baraba ararekurwa.

*Wenda jye ntabwo ndi umugome mubi w'umwambuzi, ariko nka Baraba, nanjye ndi umunyabyaha kandi imbere y'Imana namaze gucirwaho iteka. Bibiliya iravuga mu Abaroma 6:23 ngo, "Ibihembo by'ibyaha ni urupfu." Ibi bisobanura ko twese dukwiye urupfu kubera ibintu bibi twakoze mu bugingo bwacu. Ntacyo bitwaye n'ubwo twaba dufite ibyaha byinshi dute, nk'uko Baraba yari amaze, cyangwa se tukaba turi beza ku rugero, mbese nk'uko bamwe mu bigishwa ba Yesu bari bameze.

3. Yesu yarababajwe acirwaho iteka aricwa kugira ngo yishyurire ibyaha byacu. Iyi niyo mpamvu yatumye Yesu aza ku isi. Yashakaga ko tuzashobora guhagarara imbere y'Imana twarababariwe ibyaha byacu. Bamwe bavuze ko Yesu yabaye umumaritiri mbese umuntu wemera gupfa ahowe kwizera Imana; cyangwa se bakamwita umuhanuzi. Ariko ibyo sibyo ukurikije ibyo Yesu ubwe yivugiye. We yavugaga ko ari Imana ko kandi icyamuzanye ku isi ari ukugira ngo apfire ibyaha byacu.

4. Yesu arekura umwuka we aratanga. Umwanya uwo ari wo wose Yesu yashoboraga kuva ku musaraba. Yashoboraga no kuba yavuga ijambo rimwe gusa bariya bamushungeraga bose bamukiniraho bakarimbuka. Ariko kubwo gushaka kwe ahitamo kwemera igisuzuguriro no gucishwa bugufi kugeza ku isaha yagenwe. Nuko igihe cye kigeze arekura Umwuka we. Yahisemwo gupfa kuko yashakaga kwishyura umwenda w'ibyaha byacu. Bibiliya iravuga muri Yohana 3:16 ngo, "Imana yakunze abari mu isi cyane, bituma itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."

*Mu isomo ry'ubutaha tuziga izuka rya Yesu. Kuko ukuri ari uko Yesu ataheze mu bapfuye ahubwo ni muzima kandi uyu munsi arashaka kuza mu bugingo bwawe.Arashaka kweza umutima wawe ho ibyaha byose agahindura ubugingo bwawe rwose burundu.

INKURU NZIZA YA YESU

Yanditswe na
Christy A. Brawner

“Kuzuka kwa Yesu”- Isomo rya 7
Matayo 27-28

“ Mwebweho mwitinya, kuko nzi yuko mushaka Yesu wabambwe.Ntari hano kuko yazutse nk’uko yavuze.” Matayo 28:5-6

Gusubiramo

1. Yesu yabyawe n’umukobwa w’isugi witwaga _____.
2. Yesu mu gutangira umurimo we ku mugaragaro yabanje _____ n’umuntu witwaga Yohana Umubatiza.
3. Mu kubatizwa kwa Yesu, _____ _____ yamumanukiyeho ari mu ishusho y’inuma, n’ijwi ry’Imana rivugira mu ijuru riti, “Uyu ni _____ nkunda nkamwishimira.” Ibi bitwereka ubutatu buri mu Mana: Imana _____, Imana _____ n’Imana _____.
4. Yesu yakijije abantu benshi indwara kandi ababarira abantu benshi _____byabo.
5. N’ubwo babonye ibitangaza byinshi, abantu b’iGalilaya ntibizeye amagambo ya Yesu, nta n’ubwo bashatse _____ ibyaha byabo.
6. Ijambo “kwihana” rivuga iki?
7. Yesu yavuze ko divayi ari ikimenyetso cy’amaraso ye agiye _____ ku bwa benshi kugira ngo _____ ibyaha.
8. Abafarisayo bafashe Yesu baramujyana bamuvana mu gashyamba aho yasengeraga, hanyuma bamujyana ku _____ mukuru witwaga Kayafa.
9. Umutambyi mukuru abaza Yesu niba ari _____ Yesu amusubiza ko ariwe. Uwo mwanya abantu baraza bafata Yesu _____ mu maso, bamwe _____ ibipfunsi abandi bamukubita _____ .
10. Umuseke utambitse abafarisayo bajyana Yesu ku mutegetsi w’Umuroma witwaga _____.
11. Pilato yasanze nta cyaha Yesu afite, nyamara yararetse Yesu bamujyana ku mubamba kuko yatinyaga ko abantu bakora imyigara _____ .
12. Abasirikare b’Abaroma bishe Yesu urubozo. Bamwambitse ikamba ry’_____ bamukubita n’ _____, mu mutwe; urwo bari bamuhaye ngo arufate nk’inkoni y’ubutware.
13. Ku musaraba aho Yesu yari amanitse, hari handitse amagambo ngo, “UYU NI YESU, _____ W’ABAYUDA.”
14. Kuva ku isaha ya gatandatu kugera ku isaha a cyenda, habaye _____ ku isi.

Hari umugabo w’umukire cyane witwaga Yosefu wa Arimataya nawe wari umwigishwa wa Yesu. Uwo muntu aragenda asaba Pilato ko yamwemerera kajyana umurambo wa Yesu akajya kuwushyingura mu mva ye. Pilato aramwemerera, maze Yesu ashyingurwa mu mva nshya.Bamaze kurambika Yesu mu mva, bayikingisha ikibuye kinini.

Bukeye bwaho abafarisayo baraterana maze bajya kwa Pilatokuko bari bibutse amagambo Yesu yavuze ngo azazuka ku munsi wa gatatu. Basaba Pilato ko arindisha imva kugera ku munsi wa gatatu kugira ngo hatagira ikiba kuri uwo murambo. Pilato abaha uruhushya ngo bagende barindishe imva uko bashoboye kose.Nuko baragenda bashyiraho abarinzi ku gituro, bahoma n'ubushishi kuri cya gitare ngo bagifatanye n'umunwa w'igituro, babushyiraho ikimenyetso.

Nuko ku munsi wa mbere w'icyumweru, Mariya Magadalena na Mariya wundi bajya kureba aho baryamishije Yesu. Bahageze, habaho igishyitsi cyinshi, cya gitare cyari gikinze igituro kirabirinduka, malayika w'Umwami Imana acyicaraho. Abarinzi bari barinze igituro bagira ubwoba bwinshi bahinda umushyitsi basa nk'abapfuye.

Ariko malayika abwira abagore ati, "Mwebweho mwitinya, kuko nzi yuko mushaka Yesu wabambwe.Ntari hano kuko yazutse nk'uko yavuze, nimuze murebe aho Umwami yari aryamye. Nimugende vuba mubwire abigishwa be yuko yazutse, kandi azababanziriza kujya i Galilaya. Iyo niho muzamubonera dore ndabibabwiye."

Abagore bava mu gituro vuba bafite ubwoba n'ibinezaneza byinshi, birukanka bajya kubwira abigishwa ibyabaye.Bakigenda,Yesu ahura nabo arababwira ati, "Nimwishime!" Baramwegera bamufata ku birenge, baramupfukamira. Maze Yesu arababwira ngo nibagende babwire abigishwa bahurire nawe i Galilaya.

Abarinzi barindaga igituro bajya mu murwa babwira abatambyi bakuru ibyabaye.Bateranira hamwe n'abakuru bajya inama, bagurira abasirikare ifeza nyinshi kugira ngo bakwize amakuru mu murwa bavuga ko abigishwa be bahengereye basinziriye bakaza bakamwiba. Kandi babasezeranya ko iyo nkuru y'uko basinziriye ku burinzi, ko uwab basinziriyeNow the soldiers who had been guarding the tomb o bazabavugira ku mutegetsi. Nuko abasirikare bakira ruswa, batangira kugenda bakwiza ibyo binyoma byamaze imyaka myinshi bizenguruka umurwa wose.

Abigishwa cumi n'umwe bari basigaye bajya i Galilaya ku musozi ahoYesu yari yababwiye ko bazahurira.Bamubonye barapfukama baramuramya, ariko bamwe barashidikanya.

Nuko Yesu avugana nabo bwanyuma ati,"Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese, n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose.Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi."Amina.

Ibibazo

1. Ni iki Yosefu w'Arimataya yasabye Pilato?
2. Abafarisayo bari bafite ubwoba ko hari icyaba ku murambo wa Yesu ku munsi wa gatatu. Kubera iki?
3. Ni bande bagiye kureba Yesu ku munsi wa mbere w'icyumweru, abo bagore se bageze ku gituro bahasanze iki?
4. Basubiye kujya kubwira abigishwa ibyo babonye, bahuye na nde mu nzira?
5. Yesu yabwiye abigishwa be ko bagomba guhurira ahandi haturanye na Yerusalemu. Ni hehe?
6. Kuri uwo musozi, hari itegeko rikomeye Yesu yahaye abigishwa be. Ugende wuzurisha amagambo Yesu yavuze muri iyo mirongo: "Nimugende, muhindure abantu bo mu mahanga yose_____ , _____ mu izina rya Data wa twese, n'Umwana n'_____ _____, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose, kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi."

Inyigisho zirimo- Isomo rya 7
Matayo 27-28

1. Uyu munsi Yesu ni muzima. Yesu si nk'umwana w'umuntu ufata ugafunga ukanamwica. Ni Imana ihoraho. Ntagira itangiriro ntagira n'iherezo. Kuva mbere na mbere uhereye ku kuremwa kw'isi, Imana yari ifite umugambi wo kuzaza ku isi mu ishusho y'umuntu mu buryo bw'umugaragu w'imbata. Kubambwa kwa Yesu kuri uriya munsi no muri buriya buryo byari mu bushake bwe na gahunda yagennye. Nta n'umwe ushobora kurogoya imigambi ye kandi ntawe umurusha amaboko. Yesu ni Imana kandi azahora ari Imana, niwe Mana nzima wenyine.

2. Abafarisayo bizeraga amagambo ya Yesu kugeza n'ubwo bashyiraho abarinzi bo kurinda imva ye amaze guhambwa, kuko yari yavuze ko azazuka. Bemeye n'amagambo y'abasirikare igihe bari baje kubabwira ibyabaye. Bemeye no gutanga amafaranga yabo bagurira abasirikare ngo batazavuga ko yazutse koko, ahubwo ngo bagende bakwiza ibinyoma byo kubihakana. Abo bakuru b'idini kandi bari bahibereye n'igihe Yohana Umubatiza yabatizaga Yesu, biyumvira n'ijwi ry'Imana ubwayo ivugira mu ijuru ihamya uwo Yesu ari we. Aba bagabo bari bahihagarariye muri bimwe mu bitangaza byinshi Yesu yakoraga. Baranamurakariye igihe yakizaga umuntu wari waranyunyutse ukuboko ku munsi wa sabato. Bari baranabonye aho yirukana abadayimoni benshi mu bantu bari barabuze amahoro, bari baranitegereje n'uburyo ababarira abantu ibyaha byabo. Bisa nk'aho nta muntu n'umwe warushaga abafarisayo kumenya imibereho ya Yesu n'ubutumwa bwe. Ariko nyamara nibo batakiriye urukundo rw'Imana yari azaniye ubugingo bwabo. Ntibigeze bihana ibyaha byabo. Ntibigeze begurira ubugingo bwabo Yesu ngo abutegeke. Kugirana ubusabane na Yesu birenze kwiga gusa no kumenya ibyerekeranye n'ubuzima bwe. Birenze guhindura idini gusa ukajya mu rindi. Yesu icyo adushakaho ni ukwihana ibyaha byacu, tukamwizera kandi tukamwegurira ubugingo bwacu. Akaba umutware n'umugenga w'ubugingo bwacu. Ashaka kutugenzura buri munsi wo kubaho kwacu.

3. Yesu ni nde?
   - Yesu yabayawe n'umwari w'isugi.
   - Yesu yavuze ko ari Imana.
   - Yesu yakoze ibitangaza byinshi kandi ababarira abantu bihanaga ibyaha byabo.
   - Yesu yabambwe ku musaraba yishyurira ibyaha byacu imbere y'Imana ikiranuka.
   - Yesu yazutse mu bapfuye uyu munsi ni muzima.

- Yesu icyo anshakaho ni uko nakwihana ibyaha byanjye nkamwegurira ubugingo bwanjye.

Bibiliya itwigisha ko Yesu icyatumye apfa atari ukutubera urugero, ahubwo ko yapfuye mu cyimbo cyacu twe abagombaga guhagarara imbere y'Imana ducirwaho iteka kubw'ibibi byose twakoze.

Bibiliya iravuga ngo "Umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa." Abaroma 10:13

- Ibi bisobanura ko n'ubwo naba naranyuze mu mibereho imeze ite, nshobora gusaba Yesu akinjira mu bugingo bwanjye akambabarira ibyaha byanjye byose kandi agatura mu bugingo bwanjye.
- Bisobanura kandi ko kuva Yesu yinjiye mu mutima wanjye, ibyaha nakoze n'ibyo nkora ubu, n'ibyo nzakora BYAMAZE kubabarirwa. Ibi ntibituruka ku gikorwa na kimwe naba narakoze. Ntibiterwa n'uko nahisemo idini ryiza. Ntabwo ari ukubera ko nahindutse umunyangeso nziza. Nta n'ubwo ari ukubera ko nkomoka mu bwoko runaka cyangwa se icyiciro cy'abantu runaka. Biterwa GUSA n'uko nemeye igitambo Yesu yatanze abambwa ku musaraba yishyurira ibyaha byanjye.

- Bisobanura ko uhereye uwo munota, nongeye kuba uwera, intungane mu maso y'Imana. Bibiliya ivuga ko ibihembo by'icyaha ari urupfu, ariko ko urupfu rwa Yesu Kristo ruhagije kugira ngo mpinduke icyaremwe gishya. Niba mpisemo kumukurikira.

  Niba wifuza imbabazi z'Imana aka kanya mu bugingo bwawe, kandi ukaba ushaka kuba umuyoboke wa Krisito ushobora kumusaba akaza mu mutima wawe ubu nonaha. Ntabwo ari ngombwa ko uba ahantu h'idini habugenewe, sina ngombwa ko hari amagambo adasanzwe ugomba kuvuga cyangwa ayandi ugomba gutondagura nk'ay'abapfumu. Icy'ingenzi gusa ni uko wajya imbere y'Imana ukatura ko Yesu ari Imana kandi ko ushaka ko aba Umwami w'ubugingo bwawe akaba ariwe ukuyobora.

  "Data, nzi ko ndi umunyabyaha. Ndizera ko Yesu yapfuye urupfu rwo ku musaraba kandi akazuka mu bapfuye kugira ngo ankize ibyaha byanjye.Nihannye ibyaha byanjye.Ngwino mu bugingo kandi umbabarire ibyaha nakoze byose.Nguhaye ubugingo bwanjye.Ngushimiye urukundo unkunda.Mu izina rya Yesu.Amina."

4. "Kandi dore,ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi."

Bibiliya iravuga muri Yohana 14:2 ngo, "Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba atarimo mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu.nKandi ubwo ngiye

kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, kugira ngo aho ndi namwe muzabeyo."

Yesu yadusezeranyije ko BURI WESE uzamwegurira ubugingo bwe azabana nawe iteka ryose ahantu hitwa mu ijuru. Ijuru ni urugo rwa Data wa twese. Kuva tukimara kwakira Yesu mu bugingo bwacu, tuba twemerewe kuzabana na Yesu iteka n'iteka. Ibyo bigasobanura ko Yesu azabana natwe hano mu isi, ariko kandi n'igihe tuzapfira tuzabana nawe mu ijuru ubuziraherezo.

Mu byukuri urukundo Yesu adukunda ruzahoraho iteka ryose!

Uko Ubutumwa bwiza buteguye

(iyi mirongo ya Bibiliya itandatu igaragaza umutima w'ubutumwa bwiza.)

1. Umugambi w'Imana ku bugingo bwawe

Bibiliya iravuga muri **I Yohana 5:13** ngo**, "Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho."**

Intego y'uyu murongo: Kugaragaza ko Imana ishaka gutanga icyizere cy'ubugingo buhoraho kubw'urukundo ikunda abantu.

Insobanuro y'uyu murongo: Ubugingo buhoraho ni ibintu bibiri:

a) Kumenya Yesu Kristo no kugira amahoro ye mu mutima wawe ubu tukiri muri ubu buzima bwa hano mu isi. (Yohana 17:3)
b) Kuzabana na Yesu Kristo mu ijuru iteka ryose nyuma yo gupfa. (Yohana 14:1-3)

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urashaka kugira icyizere cy'uko ufite ubugingo buhoraho?

Icyitonderwa: Mu bantu b'imico ya gikristo ndetse n'itari iya gikristo aya magambo agomba gusobanurwa neza akumvikana; kandi ibyo bishobora gutwara igihe kinini.

2. Icyo ukeneye

Bibiliya iravuga mu **Abaroman 3:23** ngo, **"kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana".**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko twese turi abanyabyaha.

Insobanuro y'uyu murongo: Icyaha ni iki? Icyaha ni ukutumvira Imana. Urugero: twese twakoze ibyaha nko kubeshya, kurakara, gusharira, ubugugu, irari n'ubwibone.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese uremera ko wakoze ibyaha? Ingaruka z'icyaha ni izihe?

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 6:23** ngo**, "Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu."**

Intego y'uyu murongo: Kugaragaza ko twese dukwiye urupfu kubw'ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: Urupfu ni iki? Urupfu bisobanura gutandukanywa n'Imana mu buryo bubiri.

Ubwa mbere, urupfu ni ugutandukana n'Imana tukiri hano muri ubu buzima bwo ku isi. Ni ukubaho nta byishimo n'amahoro mu mutima. Ni ubuzima butagira ibyiringiro by'ubuzima buhoraho kandi ukaba udafite Yesu mu mutima wawe. Gutandukanywa n'Imana bituma umuntu aba igishushungwe akagira umutima wuzuye ubwoba.

Ubwa kabiri, urupf ni ugutandukanywa n'Imana ukazaba mu muriro iteka ryose. Ubwo ni ubuzima butagira Kristo iteka ryose. Dukurikije Bibiliya, twese dukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byacu.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urumva neza ko ukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byawe?

3. Impano y'Imana

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 5:8** ngo**, "Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha."**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko Imana idukunda cyane ku buryo byatumye itanga Umwana wayo Yesu Kristo ngo apfe kubw'ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: igihembo gihari cy'ibyaha ni kimwe gusa ni urupfu. Yesu kristo yarahanwe, ajyanwa mu rubanza, acirwaho iteka ry'urupfu rwo ku musaraba kugira ngo yishyure igihano twagombaga guhabwa kubw'ibyaha twakoze.

Urupfu rwa Yesu nicyo gitambo cyonyine gihagije kugira ngo umuntu ave mu bubata bw'urubanza rw'ibyaha. Abantu benshi bagerageza kugera ku Mana banyuze mu nzira zitandukanye: Bakishingikiriza ku myitwarire yabo myiza cyangwa se ku bikorwa byabo byiza. Bashobora no kugerageza kugera ku Mana baciye ku batagatifu, ku bigirwamana, ku mashusho, ku myuka runaka se, cyangwa ku bakurambere.

Ibyo umuntu yagerageza gukora byose mu mbaraga ze nta bushobozi bifite bwo kumwezaho ibyaha. Uburyo bumwe gusa umuntu ashobora gushyikirana n'Imana ni uguca muri Yesu Kristo. Yesu amaze gupfira ibyaha byacu ku musaraba, yazutse mu bapfuye anesheje urupfu. Ubu ni muzima kandi arashaka kuba mu mutima wawe.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese wizera ko Yesu Kristo ari we Mwami wawe wenyine, Umukiza wawe n'Umuhuza wawe n'Imana?

4. Icyo wakora wowe

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 10: 9** ngo**, "Niwatuza akanwa kawe yuko , 'Yesu ari Umwami', ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzakizwa."**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana icyo wakora kugira ngo wakire Yesu nk'Umwami wawe.

Insobanuro y'uyu murongo: Mu kwakira Yesu ugomba gukora ibintu bibiri:

a) Icya mbere, mu kwakira Yesu ugomba kwatura ko Kristo ari we Mwami wawe wenyine. Ugomba kureka ibyaha byawe ugakurikira Yesu. Ibyo bisobanura kwegurira Kristo ubuyobozi bw'ubugingo bwawe. Uko ni ukwihana.

b) Icya kabiri, mu kwakira Yesu ugomba kwizera mu mutima wawe ko Kristo yazutse mu bapfuye kandi ko ari we Mukiza wawe wenyine. Ibyo bisobanura ko ugomba kurekeraho kwizera ibindi bintu nko kwishingikiriza ku ngeso nziza, imirimo myiza, ibigirwamana, amashusho, abatagatifu, abakurambere ahubwo ugashyira kwizera kwawe muri Yesu Kristo nk'Umukiza wawe wenyine.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye kwatura Yesu nk'Umwami kandi ukamwegurira ubugingo bwawe ngo abe ari we ubutegeka wenyine? Witeguye kureka kwizera ibindi bintu ugaha ubugingo bwawe Kristo aka kanya ngo abe Umwami wawe n'Umukiza wawe?

Bbiliya iravuga mu **Abaroma 10:13** ngo**, "'Umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa.'"**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko uwo ariwe wese uzahamagara izina rya Yesu azakizwa.

Insobanuro y'uyu murongo: Ibi bivuze ko ushobora kwakira Yesu aka kanya mu mu mutima wawe mu kwizera.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye guha ubugingo bwawe Yesu ukamusaba ngo yinjire mu bugingo bwawe nonaha? Niba witeguye senga Imana n'umutima wawe wose iri sengesho.

> "Mwami, ndi umunyabayaha. Ndakwizeye Mwami, ni wowe Mwami wanjye wenyine, ni wowe Mukiza wanjye kandi ni wowe Muhuza wanjye n'Imana. Nguhaye ubugingo bwanjye. Ngwino mu mutima wanjye nonaha unkize. Hindura ubugingo bwanjye kandi ubutegeke rwose. Amina."

Ese wizeye ko Yesu yashubije gusenga kwawe? None ubu Yesu ari he muri uno mwanya? Wakijijwe se?